



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA GASHYANTARE 2018

10 Werurwe 2018

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GASHYANTARE 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 0,7% mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2018 ugereranyije na Gashyantare 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 1,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 0,7% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 2,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamatseho 2,4%.

Iyo ugereranyije Gashyantare 2018 na Gashyantare 2017, usanga ibiciro by'ibantu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamatseho 1,5%.

Wagereranya ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2018) ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,5% n' ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamatseho 1,5%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2018 ibiciro mu byaro byagabanutseho 2,7% ugereranyije na Gashyantare 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -0,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 2,7% mu kwezi kwa Gashyantare ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2018) ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamatseho 0,7%.

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Gashyantare 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,3% ugereranyije na Gashyantare 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa mbere (Mutarama 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 0,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,3% mu kwezi kwa Gashyantare 2018 ni igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 7,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kabiri (Gashyantare 2018) n'ukwezi kwa mbere (Mutarama 2018) ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,6%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2017 kugeza muri Gashyantare 2018.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gashyantare 2017 kugeza muri Gashyantare 2018 ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije													
2017							2018						
02	03	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	8,1	7,7	7,3	6,5	4,8	3,5	3,2	3,8	3,6	2,2	0,7	1,3	0,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	16,2	15,7	15,9	14,5	11,8	10,5	9,4	8,9	6,3	1,0	-1,0	-0,9	-2,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	13,4	13,0	12,9	11,7	9,4	8,1	7,2	7,1	5,3	1,6	-0,2	0,1	-1,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	1,1	0,6	0,4	-0,2	-0,8	-0,1	0,2	1,1	1,2	-1,2	-1,2	0,2	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	2,3	1,5	0,7	-1,4	-1,2	0,1	0,9	1,9	1,5	-4,3	-2,5	-0,2	0,5
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,9	1,2	0,6	-1,0	-1,0	0,0	0,6	1,5	1,4	-3,0	-1,9	0,0	0,5
<i>Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

Ku bindi bisobanuro:

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),

P.O. BOX 6139 Kigali,

Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:

MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J. Claude, Acting Director of Economic Statistics Department, NISR;

claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;

lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw